**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 001 /2023/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, umunsi wa 25 w'ukwezi kwa Mutarama;

Twebwe **NSHIMIYIMANA Emmanuel,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **MUKARUGWIZA Judith**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa BUSHAKE Jean Pierre mwene Kayonga Ephrem na Mukamuhizi Xavera; yavutse ku wa 01/01/1998; avukira mu Mudugudu wa Kibiko, Akagali ka Gitwe, Umurenge wa Karambi, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'i Burengerazuba, ho muri Repubulika y'u Rwanda; akaba ariho atuye; ni umunyarwanda; ni ingaragu; ni umuhinzi; ntacyo atunze; ntarahanwa bizwi n'Inkiko z'u Rwanda; kandi ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera

Ikirego barezwe kikaba gifite N0 RP 00026/2020/TGI/RSZ , akurikiranweho icyaha cyo gusambanya umwana, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 4 y'itegeko nº 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019 rihindura itegeko nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange

Akaba yararezwe nk'uwihishe cyangwa batorotse ubutabera.

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **BUSHAKE Jean Pierre** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **07/03/2023** saa tatu za mu gitondo aho urwo Rurukiko ruburanishiririza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba agafatwa ko yasuzuguye amategeko, maze agacirwa urubanza adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi. .

Igihe giteganijwe mu ngingo ya 160 y'itegeko N0 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha gitangira kubarwa kuva ku munsi icyi cyemezo cyafatiweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe hejuru.

**NSHIMIYIMANA Emmanuel**
**UMUCAMANZA**

**MUKARUGWIZA Judith**
**UMWANDITSI**